# 84: Mbes' aho wamenye rya zina ryiza

1.

Mbes' aho wamenye rya zina ryiza
Ry'Umukiza wacu Yesu ?
Rirariririmbwa mur' iyi si yose,
Rivugwa mu bantu bose.

Ref:

Yesu ni we zina rihebuje, Rirul' ayandi yose mw isi. Rifit' imba¬raga zo kudufasha, Ridukiz' ibyaha byose.

2.

Ni ryo rihoz' umutim' ubabaye Riratunezeza rwose. Mu mubabaro no mu byago byinshi Ribasha no kuturinda.

3.

Ndetse no mu mwijima mur'iyi si Rimurika nk'inyenyeri. Rimp' amahoro, rimpa n'ubutwari Ndetse no kugeza gupfa.

4.

Amazina yos' aribagirana Kerets' izina rya Yesu. Rizahora rimurika mw ijuru.
Yesu ni we zina ryiza.

Visit us at indirimbo.com